



**UBUTUMWA NYIRUBUTUNGANE PAPA LEWO
XIV YAGENEYE UMUNSI MPUZAMAHANGA
W'IYOG EZABUTUMWA WIZIHIZWA KU
NSHURO Y'IJANA**

**« Umwe muri Kristu, twunze ubumwe mu
Iyog ezabutumwa »**

Ku wa 18 Ukwakira 2026



UBUTUMWA NYIRUBUTUNGANE PAPA LEWO XIV YAGENEYE UMUNSI MPUZAMAHANGA W'IYOGZABUTUMWA WIZIHIZWA KU NSHURO Y'IJANA

Umwe muri Kristu, twunze ubumwe mu Iyogezabutumwa

Bakristu bavandimwe,

Kuri uyu Munsi Mpuzamahanga w' Iyogezabutumwa muri uyu mwaka wa 2026 wizihizwa ku nshuro y'ijana, nahisemo insanganyamatsiko igira iti « **Umwe muri Kristu, twunze ubumwe mu Iyogezabutumwa** ». Ni umunsi Kiliziya ikomeyeho washyizweho na Nyirubutungane Papa Piyo XI.

Nyuma y'umwaka twizihije Yubile y'icungurwa rya muntu (2025), ndifuza gushishikariza Kiliziya yose gukomeza mu byishimo n'ishyaka biva kuri Roho Mutagatifu inzira yo kwamamaza Ivanjili. Ibyo biradusaba kugira imitima yunze ubumwe muri Kristu, imiryango yiyunze, ndetse buri wese akaba yiteguye gufatanya n'abandi uwo murimo mu bwitange n'ubwizerane.

Mu kuzirikana ku bumwe bwacu muri Kristu no kuba twunze ubumwe mu Iyogezabutumwa, nimucyo tuyoborwe kandi tumurikirwe n'ingabire y'Imana, itubwirize gukora igikwiye; kugira ngo ivugurure muri twe ishyaka ry'umuhamagaro w'Iyogezabutumwa kandi dufatanye gutera imbere mu kwamamaza Ivanjili kandi tugana « mu gihe gishya cy'iyogezabutumwa » mu mateka ya Kiliziya (Reba *Inyigisho mu Misa ya Yubile y'abashinzwe Iyogezabutumwa n'Abimukira*, ku wa 5 Ukwakira 2025).

1. Umwe muri Kristu. Abigishwa b'abogezabutumwa bibumbiye muri Kristu kandi bunze ubumwe n'abavandimwe

Ipfundo ry'Iyogezabutumwa rishinze imizi mu ibanga ryo kuba umwe na Kristu. Mbere y'ibabara rye, Yezu yasabye Imana data agira ati « Kugira ngo bose babe umwe. Nk'uko wowe, Dawe, uri muri jye, nanjye nkaba muri wowe, ndasaba ko nabo bunga ubumwe muri twe, kugira ngo isi yemere ko ari wowe wantumye» (Yh17, 21). Aya magambo araduhishurira icyifuzo gikomeye cya Nyagasani Yezu kandi akaba anagaragaza umwimerere wa Kiliziya ariyo umuryango w'abigishwa

be: umuryango w'abavandimwe ukomoka mu bumwe bw'Ubutatu Butagatifu kandi ukabeshwaho nabwo ugamije guteza imbere ubuvandimwe hagati y'abantu bose no kubaho mu bwumvikane.

Mbere ya byose kuba umukristu ntibisobanuye urutonde rw'imigenzo cyangwa rw'ibitekerezo: ni ukubaho twunze ubumwe na Kristu, byo biduhesha kugira uruhare ku mubano Mwana abana na Data muri Roho Mutagatifu. Ibyo bivuze kuba muri Kristu nk'uko ishami riba ku muzabibu (Reba Yh15,4), byo bitwinjiza mu buzima bw'Ubutatu Butagatifu. Muri ubwo bumwe havamo ubuvandimwe hagati y'abemera, ni naho havuka imbuto z'Iyogezabutumwa. «Koko rero, ubuvandimwe ni isoko ndetse n'imbuto by'iyogezabutumwa» nk'uko Mutagatifu Yohani Pawulo II yabyigishije (Reba Exhortation ap. *Christifideles laici*, 32).

Niyo mpamvu inshingano ya mbere y'ibanze y'Iyogezabutumwa muri Kiliziya ari ukuvugurura no gukomeza ubutitsa ubumwe muri Roho n'ubuvandimwe mu bayoboze ba Kiliziya. Ni kenshi kandi no mu bihe bitandukanye, mu muryango dusangamo amakimbirane, gucikamo ibice, kutumvikana no kutizerana hagati y'abantu. Ibyo iyo bibaye no mu miryango yacu, bitesha agaciro ubuhamya bwacu nk'abakristu. Ubutumwa bwo kogeza Ivanjili Kristu yashinze intumwa ze busaba mbere ya byose kugira umutima umwe no guhorana inyota y'ubuvandimwe. Ni muri urwo rwego, bizaba ngombwa kongera imbaraga mu mikoranire myiza hagati ya Kiliziya Gatolika, amadini n'amatorero ya gikristu, cyane cyane dukoresheje umwanya duhabwa n'ihimbazwa ry'isabukuru y'imyaka 1700 ishize habayeho Konsili ya Nise (Nicée).

Kuba « **Umwe muri Kristu** » biduhamagarira guhora turangamiye Nyagasani, kugira ngo abe ipfundo ry'ubuzima bwacu bwite n'ubw'umuryango, mu magambo, mu bikorwa, mu mubano wacu n'abandi, ku buryo dushobora gutangara nka Paulo Intumwa tuti «Mu by'ukuri ndiho, ariko si jye: ni Kristu uriho muri jye » (*Gal* 2, 20). Ibi bizashoboka mu guteza amatwi Ijambo rye, hamwe no kwakira ingabire dukesha amasakramentu, kugira ngo tube amabuye mazima ya Kiliziya y'iki gihe nk'uko tubisanga mu byemezo bya Konsili ya Vatikani ya II n'inyigisho z'Abayobozi ba Kiliziya, by'umwihariko iza Papa Fransisko. Nk'uko Pawulo Intumwa abihamya «Si twe twiyamamaza na gato, ahubwo twamamaza Nyagasani Yezu Kristu» (2 Kor 4,5). Reka mbasubiriremo ijambo rya Mutagatifu Paulo VI: «Nta yogezabutumwa nyakuri rishoboka mu gihe izina, inyigisho, ubuzima, Ingoma, n'iyobera rya Yezu Kristu w'i Nazareti Umwana w'Imana bitamamajwe» (Exhortation ap. *Evangelii Nuntiandi*, 22). Urwo rugendo rwo kogeza Ivanjili nyakuri rutangirira mu mutima wa buri mukristu rugakwira mu bantu bose. Bityo,

niturushaho kuba umwe muri Kristu, ni bwo tuzashobora gusohozza ubutumwa adushinga.

2. Twunge ubumwe mu Iyogezabutumwa: Kugira ngo isi yemere Kristu Nyagasani.

Ubumwe bw'intumwa za Yezu ubwabwo siyo yari intego nyamukuru, ahubwo bwaganishaga ku Iyogezabutumwa. Yezu arabyemeza agira ati: « ndasaba ko nabo bunga ubumwe muri twe kugira ngo isi yemere ko ari wowe wantumye » (Yh 17, 21). Ni mu buhamya by'umuryango wunze ubumwe, ubana kivandimwe kandi ushyigikirana bituma kwamamaza ivanjili bigira imbaraga n'ubushobozi bwo gusakara hose.

Muri iki cyerekezo, birakwiye kwibutsa intego y'Umuhire Paulo Manna igira iti: « Kiliziya yose mu guhindura isi yose ». Aha, arashaka gusobanura mu ncamake icyatumye hashingwa mu 1916 Ihuriro ry'Ibikorwa bya Papa bishinzwe Iyogezabutumwa. Mu gihe twizihiza isabukuru y'imyaka 110 iryo huriro rigiyeho, ndamushimira kandi muhaye umugisha ku bwitange yagize ashyiraho uburyo bwo guteza imbere no guhugura abasaserdoti, abihayimana n'abalayiki mu Iyogezabutumwa, ashyira imbere ubumwe n'ishyamba byo kogeza Ivanjili. Mu by'ukuri, nta n'umwe mu babatijwe utarebwa n'Iyogezabutumwa: bose, buri wese akurikije umuhamagararo we n'imibereho ye, agira uruhare mu gikorwa nyamukuru Kristu yashinze Kiliziya Ye. Nk'uko Papa Fransisko yabyibutsaga ubutitsa, kwamamaza Ivanjili ni igikorwa abantu bahuriraho, nk'umuryango kandi bagendera hamwe.

Niyo mpamvu kunga ubumwe mu murimo w'Iyogezabutumwa bijyana no kurinda no guteza imbere ubusabane nyobokamana n'ubufatanye mu murimo w'Iyogezabutumwa. Uko tugenda dukura muri iyo myifatire, ni nako tugenda twiga, dufashijwe n'ingabire y'Imana, kurebana abavandimwe bacu indoro yuje ukwemera, gusobanukirwa mu byishimo ibyiza dukesha Roho w'Imana, kuba tudasa bikaba nk'ubukungu, kwakirana imitwaro no guhora dushakashaka ubumwe buturuka ku Mana. Mu by'ukuri, dufite ubutumwa bumwe bukomoka kuri «Nyagasani umwe, ukwemera kumwe, Batisimu imwe n'Imana imwe, Yo Mubyeyi wa bose, usumba bose, agakorera muri bose, kandi agatura muri bose » (reba Ef 4,5-6). Iyi nyigisho nyobokamana ni yo igize ubuzima bw'umwogezabutumwa. Ibi bidufasha kubona ishusho rusange y'iyogezabutumwa rya Kiliziya, tukarenga ibiducamo ibice n'amakimbirane (reba 1 Kor 1,10-12).

Ubumwe bw'abogezabutumwa ntibukwiriye kumvikana nk'aho abantu bose bameze kimwe, ahubwo ni uguhuriza hamwe impano zitandukanye mu cyerekezo kimwe: Kugaragaza urukundo rwa Kristu no guhamagarira buri wese guhura na we. Kwamamaza Ivanjili bigerwaho iyo imiryango ishyize hamwe, n'igihe imico, imyemerere n'imihango ya liturujya binyuranye bigaragarira mu bwisanzure no mu bwuzuzanye mu kwemera kumwe.

Ndashishikariza inzego za Kiliziya kongera imbaraga mu kumva igisobanuro cy'ubuvandimwe mu Iyogezabutumwa rya Kiliziya no guteza imbere inzira zifatika z'ubufatanye mu Iyogezabutumwa.

Kuri iyo ngingo, ndashimira urwego rushinzwe Ibikorwa bya Papa by' Iyogezabutumwa ku ruhare rugira mu iyogezabutumwa, nk'uko nanjye ubwanjye nabyiboneye kandi nkabushima mu gihe nakoreraga ubutumwa mu gihugu cya Peru (Pérou). Ibyo bikorwa ni ibi bikurikira:

- Ibikorwa bya Papa bishinzwe iyogezabutumwa
- Ibikorwa bya Papa bishinzwe Iyogezabutumwa ry'abana,
- Ibikorwa bya Papa byitiriwe Petero Mutagatifu,
- n'Ihuriro ry'Ibikorwa bya Papa by'Iyogezabutumwa.

Ibyo bikorwa bikomeza gutunga no kwigisha umutimanama w'iyogezabutumwa mu bakristu, abakuru n'abato, bagakomera ku isengesho n'ibikorwa by'urukundo bihuza imiryango y'isi yose. Bifite igisobanuro gikomeye ko uwashinze Ibikorwa bya Papa by'Iyogezabutumwa, Umuhire Pauline Marie Jaricot yatekereje, mu myaka 200 ishize, Rozari ihuza amatsinda ari hirya no hino ngo basabire ibikenewe mu buzima bw'iyobokamana n'Iyogezabutumwa.

Birakwiye ko twongera kwibutsa ko ari ku cyifuzo cy'Ibikorwa bya Papa by'Iyogezabutumwa, Papa Piyo XI, mu mwaka wa 1926, yashyizeho Umunsi Mpuzamahanga w'Iyogezabutumwa. Ituro ritangwa kuri uwo munsi risaranganywa mu bikorwa bitandukanye by'Iyogezabutumwa muri Kiliziya y'isi yose. Ibyo bikorwa uko ari bine, buri gikorwa gifite umwihariko wacyo, bigakomeza kugira uruhare rutagereranywa muri Kiliziya yose.

Ndhamagarira buri wese gufatanya n'abandi muri ibyo bikorwa uko ari bine n'umutima witanga.

3. Iyogezabutumwa ry'urukundo: Kwamamaza, kubaho no gusangira urukundo nyakuri rw'Imana.

Niba ubumwe aribwo shingiro ry'Iyogezabutumwa, urukundo nirwo ryubakiyeho. Inkuru Nziza duhamagarirwa kwamamaza ku isi yose si igitekerezo kidafatika: Ni Ivanjili y'Urukundo nyakuri rw'Imana, rutwigaragariza mu isura no mu buzima bwa Yezu Kristu wigize umuntu.

Iyogezabutumwa ry'Abigishwa ba Yezu na Kiliziya ni ugukomeza ubutumwa bwa Yezu Kristu muri Roho Mutagatifu: Ni ubutumwa buva ku ukundo, bukabaho mu Rukundo kandi bugamije Urukundo. Ni muri ubwo buryo Nyagasani ubwe mu isengesho rikuru yabwiye Imana Data, amaze gusabira abigishwa be maze asoza agira ati: « Kugira ngo urukundo wankunze rubabemo, nanjye kandi mbabemo » (Yh 17, 26). Intumwa mu gihe cyakurikiyeho zamamaje Ivanjili, barangwa n'urukundo rwa Kristu kubera We (reba 2 Kor 5,14). Ni muri ubwo buryo uko ibihe byagiye bisimburana barimo imbaga itabarika y'abakristu, abamaritiri, abamisiyonerri batanze ubuzima bwabo bagamije kwamamaza urwo Rukundo rw'Imana mu isi. Bityo, Iyogezabutumwa rya Kiliziya rikomeza riyobowe na Roho Mutagatifu, Roho w'urukundo kugeza igihe cy'indunduro y'ibihе.

Ndashimira by'umwihariko abogezabutumwa basakaza Ivanjili mu bihugu byose by'isi muri iki gihe nka ba Mutagatifu Fransisko Saveri bavuye mu bihugu byabo kavukire, mu miryango yabo, mu mutekano barimo bakajya kwamamaza Ivanjili, bagashyikiriza Kristu n'urukundo rwe mu bice by'isi bigoye, bikennye, birimo imidugararo cyangwa bifite imico ihabanye n'Ivanjili. Baracyakomeza kwitangira Ivanjili mu byishimo nubwo hari ibibabangamira nk'abantu; bazi neza ko Kristu ubwe, n' Ivanjili ye, ari We bukungu butagereranywa bashobora gusangiza abandi.

Kubera ukwihangana kwabo, batwereka ko urukundo rw'Imana rufite imbaraga zisumbye inzitizi zose. Isi iracyakeneye izo ntware zihamya Kristu, n' imiryango igize Kiliziya iracyakeneye abahamagarirwa kwamamaza ubutumwa bashya, tugomba guhora tubazirikana kandi tubasabira ubutaretsa ku Mana Data. Kugira ngo Imana ihore iduha urubyiruko n'abakuze bemera gusiga byose bagakurikira Kristu mu nzira y'Iyogezabutumwa rigera ku mpera z'isi.

Mu gushimira abo bogezabutumwa, reka ngire icyo nisabira Kiliziya y'isi yose: Twunge ubumwe nabo mu isengesho no mu gutera inkunga Iyogezabutumwa. Dusanze tubizi « urukundo ntirwakirwa na bose » nk'uko Mutagatifu Fransisko wa Asizi yabivuze, tukizirikana na nyuma y'imyaka 800 atashye mu ijuru. Nitwereke adutere iyo nyota yo kubaho mu rukundo rw'Imana no kurukwirakwiza mu miryango yacu, yaba iri hafi kimwe n'abari iyo bigwa, kuko,

nk’uko Mutagatifu Banavantura yabihamyaga, «birakwiye ko natwe dukundana rwose rwa rukundo rw’Uwadukunze by’agahebuzo» (Saint Bonavenura de Bognoregio, *Leggenda Maggiore, Chap IX,1 Fonti francesacane,1161*) . Twiyumve neza ko tunashyigikiwe n’ishyaka ryanze Mutagatifu Tereza w’Umwana Yezu wihaye intego yo kuzakomeza ubutumwa bwe na nyuma y’uko yitabye Imana, aho agira ati «Ningera mu ijuru, nzakomeza kurarikira ibyo ndarikira ndi ku isi, aribyo gukunda Yezu no kumukundisha abandi» (*Lettre au révérend M. Bellière, 24 février 1897*).

Dutewe imbaraga n’ubu buhamya bw’abatubanjirije, natwe twese twiyemeze kugira uruhare mu murimo wagutse w’Iyogezabutumwa, twumve ko ari igikorwa cy’urukundo, buri wese uko yiyumvamo umuhamagararo n’ingabire yahawe. Amasengesho yanyu n’inkunga yanyu ifatika, by’umwihariko kuri uyu Munsu Mpuzamahanga w’Iyogezabutumwa, ni inkunga ikomeye izadufasha kugeza Ivanjili y’urukundo rw’Imana kuri buri wese, cyane cyane ku bakene n’abatagira kivurira. Buri mpano, uko yaba ingana kose, ni igikorwa cy’agaciro gishyigikira Iyogezabutumwa. Nongeye kubashimira n’umutima wanjye wose « kubera inkunga yanyu yose mutanga izamfasha gufasha abogezabutumwa mu mpande zose z’isi» (*Message video pour la Journée Mondiale des Missions 2025*). Tukiri muri ubwo busabane nyobokamana, mbahaye umugisha muri iri sengesho:

Dawe Nyir’ubutagatifu, duhe kuba umwe muri Kristu, dushinze imizi mu Rukundo rwe ruduhuza rukanatuvugurura. Huriza abayoboke ba Kiliziya yawe hamwe mu murimo w’Iyogezabutumwa, batege amatwi icyo Roho Mutagatifu ababwiriza, bagire ubutwari bwo guhamya Ivanjili, bayamamaze kandi bagaragaze, mu buzima bwabo bwa buri munsu, urukundo rwawe bagirira ibyaremwe byose. Ha umugisha abogezabutumwa, ubashyigikire mu butumwa bwabo kandi ubakomeze mu kwizera!

Bikira Mariya umwamikazi w’Iyogezabutumwa, duherekeze mu gikorwa cyo kogeza Ivanjili mu mpande zose z’isi: Tugire abagabuzi b’amahoro, maze isi yose imenye ko muri Kristu hari urumuri rudukiza. Amen

Bikorewe i Vatikani, ku wa ya 25 Mutarama 2026, ku cyumweru cya gatatu gisanzwe, ku munsu mukuru w’ihinduka rya Pawulo Mutagatifu.

Papa Lewo XIV

Byahinduwe mu Kinyarwanda n’itsinda OPM-RWANDA